Repubulika y'u Rwanda, mu izina ry'abaturage b'u Rwanda, iramenyesha kandi itegetse abahesha b'Inkiko kur
Ubushinjacyaha, abakozi bashinzwe iyubahirizwa ry'amategeko, abayobozi b'inzego z'imitegekere y'Igihugu n
abandi bayobozi mu nzego za Leta n'iz'abikorera n'abandi bireba bategetswe gufasha, koroherereza no

**RUKIKO RW'IBANZE RWA GASABO RURI KU CYICARO CYARWO, RUHABURANISHIRIZA IMANZA Z'IMBONEZAMUBANO MU RWEGO RWA MBERE RUKIJIJE MU RUHAME URUBANZA RC 01809/2024/TB/GSBO, NONE KUWA 16/04/2025 MU BURYO BUKURIKIRA:**

---

RÉPUBLIQUE DU RWANDA
Au nom du Peuple Rwandais

**HABURANA:**

**ABAREGA: 1. GUSTAVE RUMONGI** mwene Rongin RUMONGI na EMILIENNE KANZAYIRE utuye mu Mudugudu wa Ubumwe, Akagari ka Rukiri I, Umurenge wa Remera, Akarere ka Gasabo, Intara ya Umujyi wa Kigali, TEL +13617201063, e-mail gustaverumongi@gmail.com, uburanirwa NTAGANDA RWAMULIMA Anicet, e-mail anisage2016@gmail.com.

**2. FREMOND MBANGUZA** mwene Rongin RUMONGI na EMILIENNE KANZAYIRE utuye mu Mudugudu wa Ubumwe, Akagari ka Rukiri I, Umurenge wa Remera, Akarere ka Gasabo, Intara ya Umujyi wa Kigali, e-mail fremond.mbanguza@gmail.com uburanirwa na Me NTAGANDA RWAMULIMA Anicet, e-mail anisage2016@gmail.com.

**3. KANZAYIRE Emilienne** mwene GAKWANDI na MUKANDUTIYE utuye mu Mudugudu wa Ubumwe, Akagari ka Rukiri I, Umurenge wa Remera, Akarere ka Gasabo, Intara ya Umujyi wa Kigali, TEL +13097497185, e-mail kanzayire03@gmail.com uburanirwa na Me NTAGANDA RWAMULIMA Anicet, e-mail anisage2016@gmail.com.

**4. RUMONGI CEDRIC** mwene ............................................ na ............................................ utuye mu Mudugudu wa Ubumwe, Akagari ka Rukiri I, Umurenge wa Remera, Akarere ka Gasabo, Intara ya Umujyi wa Kigali, TEL +12103060737, e-mail cedric.r2020@gmail.com uburanirwa na NTAGANDA RWAMULIMA Anicet, e-mail anisage2016@gmail.com, Me NUBUMWE Jean Bosco.

**5. TUYISENGE Marie Fabrice** mwene RUMONGI Rongin na KANZAYIRE Emilienne utuye mu Mudugudu wa Ubumwe, Akagari ka Rukiri I, Umurenge wa Remera, Akarere ka Gasabo, Intara ya Umujyi wa Kigali, TEL +12109549317, e-mail marie.tuyisenge@gmail.com uburanirwa na NTAGANDA RWAMULIMA Anicet, e-mail anisage2016@gmail.com.

Repubulika y'u Rwanda, mu izina ry'abaturage b'u Rwanda, iramenyesha kandi itegetse abahesha b'Inkiko kur
Ubushinjacyaha, abakozi bashinzwe iyubahirizwa ry'amategeko, abayobozi b'inzego z'imitegekere y'Igihugu n
abandi bayobozi mu nzego za Leta n'iz'abikorera n'abandi bireba bategetswe gufasha, koroherezа no
gutera inkunga abahesha b'Inkiko iyo babisabwe. Bishyizweho umukono na

**WAGOBOKESHEJWE: RUMONGI Rongin** mwene................na ...............utuye mu Mudugudu w'Ubumwe, Akagari ka Rukili I, Umurenge wa Remera, Akarere ka Gasabo, Umujyi wa Kigali, wunganiwe na Me INTWAZAYAMUGABO Armand na Me MWINE Geofre.

**<u>IKIREGERWA</u>:** Gusubirishamo ingingo nshya urubanza RC 1312/14/TB/KCYI – RC 1313/14/TB/KCY rwaciwe kuwa 14/11/2014 n'Urukiko rw'Ibanze rwa Kacyiru.

---

## I. IMITERERE Y' URUBANZA

[1] Kuwa 14/11/2014 Urukiko rw'Ibanze rwa Kacyiru rwaciye urubanza RC 1312/14/TB/KCYI – RC 1313/14/TB/KCY aho TUYISENGE Fabrice na RUMONGI Cedric bahagarariwe na Me NZIRABATINYI Fidele na RUMONGI Rongin wari uhagarariye abana be bari bakiri bato MBANGUZA Gustave na MBANGUZA Fremond aba bana bose uko ari bane RUMONGI Rongin akaba yarabyaranye na KANZAYIRE Emilienne, batanze ikirego basaba Urukiko kwandika kuri aba bana imitungo itimukanwa yabahayeho iminani nk'uko byemejwe mu nyandiko yiswe **inyandiko y'amasezerano yo gutanga iminani** iyo nyandiko ikaba yarashyizweho umukono na Noteri;

[2] Muri urwo rubanza TUYISENGE Fabrice na RUMONGI Cedric bahagarariwe na Me NZIRABATINYI Fidele na RUMONGI Rongin wari uhagarariye abana be bari bakiri bato MBANGUZA Gustave na MBANGUZA Fremond batanze ikirego mu buryo bw'inyandiko y'ikibazo gitanzwe n'umuburanyi umwe;

[3] Muri uru rubanza kandi hagobokeshejwemo KANZAYIRE Emilienne ariko urubanza ruburanishwa adahari nyuma yo kumuhamagara akabura;

[4] Muri urwo rubanza Urukiko rwemeje ko ikirego cyatanzwe na TUYISENGE Fabrice, RUMONGI Cedric na RUMONGI Rongin uhagarariye abana be MBANGUZA Gustave na MBANGUZA Fremond gifite ishingiro maze rutegeka ko imitungo ari yo ikibanza numero 1771 giherereye

Repubulika y'u Rwanda, mu izina ry'abaturage b'u Rwanda, iramenyesha kandi itegetse abahesha b'Inkiko kur Ubushinjacyaha, abakozi bashinzwe iyubahirizwa ry'amategeko, abayobozi b'inzego z'imitegekere y'Igihugu n abandi bayobozi mu nzego za Leta n'iz'abikorera n'abandi bireba bategetswe gufasha, koroherezа no gutera inkunga abahesha b'Inkiko iyo babisabwe. Bishyizweho umukono na

Gasabo /kinyinya, ikibanza gifite Ref 1771 gihereréye GAS/KIN, ikibanza gifite 2165 gihereréye GAS/KIN, ikibanza gifite 2165 gihereréye Gasabo/kin, ikibanza gifite 1737 gihereréye GAS/KIN, ikibanza gifite Ref 1737 gihereréye Gasabo/Kinyinya, ikibanza gifite 2881 gihereréye Gasabo/Kinyinya, ikibanza gifite 2881 gihereréye GAS/KIN, ikibanza gifite 470 gihereréye Gasabo/Kacyiru, ikibanza gifite 470 GAS/KAC ,Ikibabanza gifite 1310/GAS/REM, ikibanza gifite 1310/Gasabo/Remera, ikibanza gifite 928 Rwamagana /Musha, ikibanza gifite 0928 RWAM/MUSH, ikibanza gifite 229 gihereréye Gasabo/Remera, ikibanza gifite 00229 gihereréye Gasabo/Remera, ikibanza gifite 42 gihereréye Nyarugenge/Muhima, ikibanza gifite 0042 Nyarugenge/Muhima, ikibanza gifite 981 Bugesera/Nyamata, ikibanza gifite 0981 BUG/NYA, ikibanza gifite 4961 Nyanza/Mukingo, ikibanza gifite 4961 Nyanza/MUK, ikibanza gifite 2432 Nyanza/Rwabicuma, ikibanza gifite 2432 NYA/RWA, Inzu ifite 1053 Nyarugenge ifite title de propriette V R XIX Folio 145 basabaga ko ibandikwaho iva mu mazina ya RUMONGI Rongin na KANZAYIRE Emilienne ikandikwa kuri TUYISENGE Fabrice, RUMONGI Cedric, MBANGUZA Gustave na MBANGUZA Fremond buri wese akaba afiteho uruhare rungana na 25%;

[5] TUYISENGE Fabrice, RUMONGI Cedric, MBANGUZA Gustave, MBANGUZA Fremond na KANZAYIRE Emilienne batanze ikirego mu Bugenzacyaha bavuga ko RUMONGI Rongin na Me NZIRABATINYI Fidele bafatanyije gukora no gukoresha inyandiko mpimbano bavuga ko inyandiko yiswe iyo gutanga iminani batayigizemo uruhare ndetse banabarega gufatanya gukoresha umutungo w'urugo mu buryo bw'uburiganya kubera ko Urukiko rw'Ibanze rwa Kacyiru rumaze kwemeza ko imitungo yandikwa ku bana, RUMONGI Rongin na Me NZIRABATINTINYI Fidele bakoze inyandiko **"INYANDIKO Y'INAMA RUSANGE Y'ABANYAMIGABANE BA SOSIYETE SOFAREX Ltd"** ya mitungo yose yegurirwa sosiyete kandi ibyo byose ngo RUMONGI Rongin akaba yarabikoraga mu rwego rwo kurigisa imitungo y'urugo kugira ngo KANZAYIRE Emilienne atazagira icyo abona kuko RUMONGI Rongin yatanze ikirego cy'ubutane akabuhabwa ya mitungo ntiyagaragazwa;

[6] Mu rubanza RP 00585/2022/TGI/GSBO rwaciwe kuwa 13/04/2023, Urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo rwahamije RUMONGI Rongin na NZIRABATINYI Fidele icyaha cy'ubufatanyacyaha mu

Repubulika y'u Rwanda, mu izina ry'abaturage b'u Rwanda, iramenyesha kandi itegetse abahesha b'Inkiko kur Ubushinjacyaha, abakozi bashinzwe iyubahirizwa ry'amategeko, abayobozi b'inzego z'imitegekere y'Igihugu n abandi bayobozi mu nzego za Leta n'iz'abikorera n'abandi bireba bategetswe gufasha, koroherereza no gutera inkunga abahesha b'Inkiko iyo babisabwe. Bishyizweho umukono na

cyaha cyo gukora no gukoresha inyandiko mpimbano n'ubufatanyacyaha mu cyaha cyo gukoresha umutungo w'urugo mu buryo bw'uburiganya ruhanisha buri wese ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda miliyoni enye (4000000) ndetse rubategeka gutanga indishyi zinyuranye;

[7] RUMGONGI Rongin na NZIRABATINYI Fidele bajuririye uru rubanza maze mu rubanza RPA 00874/2023/HC/KIG rwaciwe kuwa 03/05/2024 Urukiko rwemeza ko ubujurire bwa RUMONGI Rongin na NZIRABATINYI Fidele nta shingiro bufite, ko imikirize y'urubanza RP 00585/2022/TGI/GSBO idahindutse. Rumongi Rongin na NZIRABATINYI Fidele bajuririye uru rubanza mu Rukiko rw'Ubujurire maze mu rubanza RPAA 00437/2024/CA maze kuwa 29/11/2024 Urukiko rwemeza ko ubujurire bwabo butakiriwe.

[8] Kuwa 17/12/2024, TUYISENGE Fabrice, RUMONGI Cedric, MBANGUZA Gustave, MBANGUZA Fremond na KANZAYIRE Emilienne bahagarariwe na Me NTAGANDA RWAMULIMA Anicet batanze ikirego cyo gusubirishamo urubanza gusubirishamo ingingo nshya urubanza RC 1312/14/TB/KCYI – RC 1313/14/TB/KCY rwaciwe kuwa 14/11/2014 n'Urukiko rw'Ibanze rwa Kacyiru, maze ikirego cyandikwa mu bitabo by'urukiko gihabwa numero RC 01809/2024/TB/GSBO, bakaba baratanze ikirego nk'ikibazo gitanzwe n'umuburanyi umwe;

[9] Mu mpamvu zo gusubirishamo ingingo nshya, abarega bavugaga ko urubanza rusubirishwamo ingingo nshya rwaciwe hashingiwe ku nyandiko mpimbano zakozwe na RUMONGI Rongin na Me NZIRABATINYI Fidele. Bityo, bashingiye ku manza zahamije RUMONGI Rongin na Me NZIRABATINYI Fidele icyaha cy'inyandiko mpimbano n'icyo gukoresha umutungo w'urugo mu buryo bw'uburiganya, bakaba basaba ko urubanza rusubirishwamo ingingo shya rwateshwa agaciro;

[10] Kuwa 14/03/2025 Urukiko rwemeje ikirego cyo gusubirishamo urubanza ingingo nshya cyatanzwe na TUYISENGE Fabrice, RUMONGI Cedric, MBANGUZA Gustave, MBANGUZA Fremond na

Repubulika y'u Rwanda, mu izina ry'abaturage b'u Rwanda, iramenyesha kandi itegetse abahesha b'Inkiko kur
Ubushinjacyaha, abakozi bashinzwe iyubahirizwa ry'amategeko, abayobozi b'inzego z'imitegekere y'Igihugu
abandi bayobozi mu nzego za Leta n'iz'abikorera n'abandi bireba bategetswe gufasha, koroherereza no
gutera inkunga abahesha b'Inkiko iyo babisabwe. Bishyizweho umukono na

KANZAYIRE Emilienne bahagarariwe na Me NTAGANDA RWAMULIMA Anicet na Me NUBUMWE Jean Bosco cyakiriwe;

**[11]** Iburanisha ry'urubanza mu mizi ryashyizwe kuwa 26/03/2025 maze kuri uwo munsi ababuranyi bitabira iburanisha TUYISENGE Fabrice, RUMONGI Cedric, MBANGUZA Gustave, MBANGUZA Fremond na KANZAYIRE Emilienne bahagarariwe na Me NTAGANDA RWAMULIMA Anicet na Me NUBUMWE Jean Bosco naho RUMONGI Rongin yunganiwe na Me INTWAZAYAMUGABO Armand na Me MWIINE Geofrey;

**[12]** Mu iburaniusha ry'urubanza Me NTAGANDA Anicet na Me NUBUMWE Jean Bosco bahahagarariye abarega yavuze ko basaba ko urubanza RC 1312/14/TB/KCYI – RC 1313/14/TB/KCY rwaciwe kuwa 14/11/2014 n'Urukiko rw'Ibanze rwa Kacyiru ruteshwa agaciro maze imitungo yari yareguriwe abana igasubizwa ababyeyi babo ari bo RUMONGI Rongin na KANZAYIRE Emilienne kuko bari bayisangiye kuko inyandiko yashingiweho n'urukiko rwemeza ko imitungo ibandikwaho byemejwe ko ari inyandiko mpimbano;

**[13]** Me INTWAZAYAMUGABO Armand wunganira RUMONGI Rongin yavuze ko urubanza ruburanwa ari urubanza rw'imbonezamubano ko kuba hari imanza z'inshinjabyaha zemeza ibintu runaka atari impamvu kamarampaka zituma hateshwa agaciro imanza z'imbonezamubano, avuga kandi ko mu manza z'inshinjabyaha abarega bagiye basaba ko ibyemezo byafashwe hashingiwe ku nyandiko mpimbano byateshwa agaciro ariko inkiko zikanga kubyemera kandi ko batigeze bajuririra icyemezo cyafashwe ku birebena n'icyemezo inkiko zafashe cyo kudasuzuma iteshwa agaciro k'ibyemezo byafashwe hashingiwe ku nyandiko mpimbano bityo rero ko urubanza rw'inshinjabyaha rutagakwiye guherwaho hateshwa agaciro urubanza rw'imbonezamubano. Avuga kandi ko kuba abarega bavuga ko imitungo yava mu maboko y'uyifite ikajya ahandi bitagakwiye gusuzumwa kuko bitaregewe kuko basabye ko urubanza rusubirishwamo ingingo nshya ruteshwa agaciro;

Repubulika y'u Rwanda, mu izina ry'abaturage b'u Rwanda, iramenyesha kandi itegetse abahesha b'Inkiko kur Ubushinjacyaha, abakozi bashinzwe iyubahirizwa ry'amategeko, abayobozi b'inzego z'imitegekere y'Igihugu n abandi bayobozi mu nzego za Leta n'iz'abikorera n'abandi bireba bategetswe gufasha, koroherereza no gutera inkunga abahesha b'Inkiko iyo babisabwe.

Me MWIJE Geofrey avuga ko ku byerekeye KANZAYIRE Emilienne igihe cyo kuregera imitungo afatanyije n'umugabo we cyarenze ko atakagombye kubiregera ibi akaba abishingira ku murongo wafashwe mu rubanza RC AA 0022/15/CS rwaciwe kuwa 15/12/2017 haburana NDAHUNGA Jean Marie na MUKAGAHUNGA Dancille aho umwe yagurishije umutungo basangiye maze Urukiko ruvuga ko yabisabye impitagihe ko yagombaga kubisaba mu gihe cy'imyaka itanu (5), ibi ngo bikaba ari ko bikwiye kugenda muri uru rubanza kuko harigusuzumwa ibigendanye n'imitungo yatanzwe mu mwaka wa 2014 bityo ko imyaka itanu isabwa kugira ngo KANZAYIRE Emilienne aregere imitungo afatanyije n'umugabo we igaruka akaba nta nyungu agifite muri uru rubanza. Avuga kandi ko urubanza rw'inshinjabyaha rwahannye RUMONGI rukagomba kongera gukoreshwa muri uru rubanza kugira ngo yongere ahanwe, bityo ko haba hatubahirijwe ihame ry'amategeko;

[15] RUMONGI Rongin yavuze ko kuba abana bavuga ko batazi iby'imitungo yabahawe ari ikinyoma ndetse ko ari uko ari nyina ubizeza ibitangaza kugira ngo baze babivuge kuko ngo iyo mitungo iri muri company kandi na bo bayirimo ko rero bataba bari muri company batazi aho imitungo yayo yavuye, avuga kandi ko urubanza rw'inshinjabyaha ruri mu karengane ko rutakagombye gushingirwaho, bityo ko ibyo baregera nta shingiro bifite;

[16] **Ibibazo bisuzumwa muri uru rubanza ni ibi bikurikira:**

*A) Kumenya niba urubanza RC 1312/14/TB/KCYI – RC 1313/14/TB/KCY rwaciwe kuwa 14/11/2014 n'Urukiko rw'Ibanze rwa Kacyiru imitungo yategetswe ko yandikwa ku bana igasubira mu maboko ya RUMONGI Rongin na KANZAYIRE Emilienne;*

## II. <u>ISESENGURA RY'IBIBAZO BIGIZE URUBANZA</u>

***A) Kubijyanye no kumenya niba urubanza RC 1312/14/TB/KCYI – RC 1313/14/TB/KCY rwaciwe kuwa 14/11/2014 n'Urukiko rw'Ibanze rwa Kacyiru imitungo yategetswe ko***

Repubulika y'u Rwanda, mu izina ry'abaturage b'u Rwanda, iramenyesha kandi itegetse abahesha b'Inkiko kur
Ubushinjacyaha, abakozi bashinzwe iyubahirizwa ry'amategeko, abayobozi b'inzego z'imitegekere y'Igihugu
abandi bayobozi mu nzego za Leta n'iz'abikorera n'abandi bireba bategetswe gufasha, koroherez no
gutera inkunga abahesha b'Inkiko iyo babisabwe. Bishyizweho umukono

***yandikwa ku bana igasubira mu maboko ya RUMONGI Rongin na KANZAYIRE Emilienne;***

[17] Mu iburaniusha ry'urubanza Me NTAGANDA Anicet na Me NUBUMWE Jean Bosco bahahagarariye abarega yavuze ko basaba ko urubanza RC 1312/14/TB/KCYI – RC 1313/14/TB/KCY rwaciwe kuwa 14/11/2014 n'Urukiko rw'Ibanze rwa Kacyiru ruteshwa agaciro maze imitungo yari yareguriwe abana igasubizwa ababyeyi babo ari bo RUMONGI Rongin na KANZAYIRE Emilienne kuko bari bayisangiye kuko inyandiko yashingiweho n'urukiko rwemeza ko imitungo ibandikwaho byemejwe ko ari inyandiko mpimbano;

[18] Me INTWAZAYAMUGABO Armand wunganira RUMONGI Rongin yavuze ko urubanza ruburanwa ari urubanza rw'imbonezamubano ko kuba hari imanza z'inshinjabyaha zemeza ibintu runaka atari impamvu kamarampaka zituma hateshwa agaciro imanza z'imbonezamubano, avuga kandi ko mu manza z'inshinjabyaha abarega bagiye basaba ko ibyemezo byafashwe hashingiwe ku nyandiko mpimbano byateshwa agaciro ariko inkiko zikanga kubyemera kandi ko batigeze bajuririra icyemezo cyafashwe ku birebena n'icyemezo inkiko zafashe cyo kudasuzuma iteshwa agaciro k'ibyemezo byafashwe hashingiwe ku nyandiko mpimbano bityo rero ku urubanza rw'inshinjabyaha rutagakwiye guherwaho hateshwa agaciro urubanza rw'imbonezamubano. Avuga kandi ko kuba abarega bavuga ko imitungo yava mu maboko y'uyifite ikajya ahandi bitagakwiye gusuzumwa kuko bitaregewe kuko basabye ko urubanza rusubirishwamo ingingo nshya ruteshwa agaciro;

[19] Me MWIJE Geofrey avuga ko ku byerekeye KANZAYIRE Emilienne igihe cyo kuregera imitungo afatanyije n'umugabo we cyarenze ko atakagombye kubiregera ibi akaba abishingira ku murongo wafashwe mu rubanza RC AA 0022/15/CS rwaciwe kuwa 15/12/2017 haburana NDAHUNGA Jean Marie na MUKAGAHUNGA Dancille aho umwe yagurishije umutungo basangiye maze Urukiko ruvuga ko yabisabye impitagihe ko yagombaga kubisaba mu gihe cy'imyaka itanu (5), ibi ngo bikaba ari ko bikwiye kugenda muri uru rubanza kuko harigusuzumwa ibigendanye n'imitungo yatanzwe mu mwaka wa 2014 bityo ko imyaka itanu isabwa kugira ngo KANZAYIRE Emilienne

Repubulika y'u Rwanda, mu izina ry'abaturage b'u Rwanda, iramenyesha kandi itegetse abahesha b'Inkiko kur Ubushinjacyaha, abakozi bashinzwe iyubahirizwa ry'amategeko, abayobozi b'inzego z'imitegekere y'Igihugu n abandi bayobozi mu nzego za Leta n'iz'abikorera n'abandi bireba bategetswe gufasha, koroherreza no gutera inkunga abahesha b'Inkiko iyo babisabwe. Bishyizweho umukono na

aregere imitungo afatanyije n'umugabo we igaruka akaba nta nyungu agifite muri uru rubanza. Avuga kandi ko urubanza rw'inshinjabyaha rwahannye RUMONGI rukagomba kongera gukoreshwa muri uru rubanza kugira ngo yongere ahanwe, bityo ko haba hatubahirijwe ihame ry'amategeko;

[20] RUMONGI Rongin yavuze ko kuba abana bavuga ko batazi iby'imitungo yabahawe ari ikinyoma ndetse ko ari uko ari nyina ubizeza ibitangaza kugira ngo baze babivuge kuko ngo iyo mitungo iri muri company kandi na bo bayirimo ko rero bataba bari muri company batazi aho imitungo yayo yavuye, avuga kandi ko urubanza rw'inshinjabyaha ruri mu karengane ko rutakagombye gushingirwaho, bityo ko ibyo baregera nta shingiro bifite;

- **UKO URUKIKO RUBIBONA**

[21] Impaka ziri kuri iyi ngingo zishingiye ku kumenya niba urubanza rusubirishwamo ingingo nshya rugomba guteshwa agaciro kandi imitungo igasubira mu maboko ya RUMONGI Rongin na KANZAYIRE Emilienne;

[22] Ingingo ya 170 y'itegako No 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi ivuga ko" *Urubanza rushobora gusubirishwamo ingingo nshya kubera imwe mu mpamvu zikurikira….2° urubanza rwaciwe hashingiwe ku mpapuro cyangwa ku buhamya byaje kugaragara cyangwa kwemezwa n'urukiko ko ari ibihimbano nyuma y'icibwa ry'urwo rubanza……".*

[23] Urukiko rurasanga iyi ngingo yumvikanisha ko mu gihe hari urubanza rwaciwe hashingiwe ku mpapuro cyangwa ku buhamya byaje kugaragara cyangwa kwemezwa n'urukiko ko ari ibihimbano nyuma y'icibwa ry'urwo rubanza iyi ari impamvu ituma urubanza rwaciwe hashingiwe kuri izo nyandiko mpimbano rusubirishwamo ingingo nshya, bivuze ko mu gihe Urukiko rwemeje ko rusubirishwamo ingingo nshya rwa rubanza ruba rutakiriho ahubwo ko hagomba gukurikizwa ibizaregekwa mu rubanza rurusubirishamo ingingo nshya;

Repubulika y'u Rwanda, mu izina ry'abaturage b'u Rwanda, iramenyesha kandi itegetse abahesha b'Inkiko kur Ubushinjacyaha, abakozi bashinzwe iyubahirizwa ry'amategeko, abayobozi b'inzego z'imitegekere y'Igihugu n abandi bayobozi mu nzego za Leta n'iz'abikorera n'abandi bireba bategetswe gufasha, koroheraza no gutera inkunga abahesha b'Inkiko iyo babisabwe. Bishyizweho umukono na UMUTONI Wivine, Registrar, 09/10/2025 12:21

[24] Urukiko rusanga kandi igika cya 3 cy'ingingo ya 170 yavuzwe haruguru ivuga ko ''*Ikimenyetso n'iyo ari gishya gihabwa agaciro gusa iyo gishobora kuvuguruza ibyari byashingiweho mu ica ry'urubanza rusabirwa gusubirishwamo ingingo nshya*'', ibi bikaba byumvikanisha ko iyo Urukiko rwemeye ko urubanza rusubirishwamo ingingo bivuze ko ikimenyetso gishingiweho kizavuguruza urubanza rusubirishwamo ingingo nshya bityo rukaba rutakibayeho;

[25] Urukiko rusanga, kuba Me INTWAZAYAMUGABO Armand avuga ko urubanza rw'inshinjabyaha rwahamije RUMONGI Rongin icyaha cyo gukoresha inyandiko mpimbano no gukoresha umutungo w'urugo mu buryo bw'uburiganya rutakagombye gushingirwaho kuko abarega basabye ko uburenganzira bwatanzwe hashngiwe kuri izo nyandiko mpimbano bukurwaho ariko urukiko ntirubibemerere bityo ko n'aha ibyo baburana bitahabwa inshingiro, Urukiko rukaba rusanga bitahabwa inshingiro kubera ko mu rubanza rw'inshinjabyaha hasuzumwaga ibirebana no kumenya niba RUMONGI Rongin yarakoze ibyaha aregwa rutagombaga gusuzuma ibyaba byarasuzumiwe mu zindi manza ko mu gihe byaba bihari byazaregerwa ukwabyo;

[26] Urukiko rusanga kandi kuba Me MWIINE Geofrey avuga ko KANZAYIRE Emilienne yarengeje igihe cyo kuregera umutungo kuko hagenwe igihe kitarenga imyaka itanu (5) kugira ngo umuntu abe yaregera umutungo w'abashakanye ashingiye ku murongo watanzwe n'urukiko rw'ikirenga nk'uko byasobanuwe haruguru, ibi bitahabwa ishingiro kubera ko icyaregerwaga mu rubanza rwaciwe n'Urukiko rw'ikirenga ari amasezerano y'ubugure yakozwe n'umwe mu bashakanye, mu gihe muri uru rubanza hasuzumwa ibyerekeye gusubirishamo urubanza ingingo nshya, kandi urukiko rukaba rusanga kuba harakozwe inyandiko yo gutanga iminani byitirirwa ko bikozwe na RUMONGI Rongin na KANZAYIRE Emilienne nyuma bikazakwemezwa ko ibyakozwe nta ruhare KANZAYIRE yabigizemo ko ari inyandiko mpimbano bivuze ko itangwa ry'umutungo byakozwe na RUMONGI Rongin gusa kandi imitungo ayifatanyije na KANZAYIRE Emilienne, bityo rero ibyakozwe na RUMONGI Rongin, KANZAYIRE Emilienne akaba atagomba kubirenganiramo mu gihe bigaragara ko nta ruhare yabigizemo;

Repubulika y'u Rwanda, mu izina ry'abaturage b'u Rwanda, iramenyesha kandi itegetse abahesha b'Inkiko kur Ubushinjacyaha, abakozi bashinzwe iyubahirizwa ry'amategeko, abayobozi b'inzego z'imitegekere y'Igihugu i abandi bayobozi mu nzego za Leta n'iz'abikorera n'abandi bireba bategetswe gufasha, koroherezа no gutera inkunga abahesha b'Inkiko iyo babisabwe. Bishyizweho umukono na

[27] Urukiko rumaze gusesengura ibimaze kuvugwa mu bika bibanzirira icyi, rurasanga kuba kuba itegeko riteganya ko umuntu ashobora gusubirishwamo urubanza ingingo nshya kandi ko mu gihe byemewe urubanza rusubirishwamo ruba ruteshejwe agaciro bivuze ko ibyari byategetswe mu rubanza rusubirishwamo bisubira uko byari bimeze mbere y'uko rucibwa kuko mu gihe urubanza ruteshejwe agaciro n'ibyemezo byari byarufashwemo biba biteshejwe agaciro ibintu bigasubira uko byari bimeze rutaracibwa;

[28] Urukiko rurasanga rero ashingiwe ku bimaze kuvugwa muri iki gika, urubanza RC 1312/14/TB/KCYI – RC 1313/14/TB/KCY rwaciwe kuwa 14/11/2014 n'Urukiko rw'Ibanze rwa Kacyiru rukaba ruteshejwe agaciro, imitungo ari yo ikibanza numero 1771 giherereye Gasabo /kinyinya, ikibanza gifite Ref 1771 giherereye GAS/KIN, ikibanza gifite 2165 giherereye GAS/KIN, ikibanza gifite 2165 giherereye Gasabo/kin, ikibanza gifite 1737 giherereye GAS/KIN, ikibanza gifite Ref 1737 giherereye Gasabo/Kinyinya , ikibanza gifite 2881 giherereye Gasabo/Kinyinya , ikibanza gifite 2881 gihrereye GAS/KIN, ikibanza gifite 470 giherereye Gasabo/Kacyiru, ikibanza gifote 470 GAS/KAC , Ikibabanza gifite 1310/GAS/REM, ikibanza gifite 1310/Gasabo/Remera , ikibanza gifite 928 Rwamagana /Musha , ikibanza gifite 0928 RWAM/MUSH, ikibanza gifite 229 Gasabo/Remera , ikibanza gifite 00229 GSBO/Remera , ikibanza gifite 42 Nyarugenge/Muhima , ikibanza gifite 0042Nyarugenge/Muhima , ikibanza gifite 981Bugesera/Nyamata , ikibanza gifite 0981BUG/NYA , ikibanza gifite4961Nyanza/Mukingo , ikibanza ggifite 4961Nyanza/MUK, ikibanza gifite 2432 Nyanza/Rwabicuma , ikibanza 2432NYA/RWA, Inzu ifite 1053 Nyarugenge ifite title de propriette V R XIX Folio 145 byari byarategetswe ko igomba kuva ku mazina ya RUMONGI Rongin na KANZAYIRE Emmeliene ikandikwa ku mazina ya TUYISENGE Fabirice na RUMONGI Cedric, MBANGUZA Fremond, RUMONGI Gustave bahagararaiwe na se (RUMONGI Rongin), igasubirana RUMONGI Rongin na KANZAYIRE Emilienne;

## III. ICYEMEZO CY'URUKIKO

[29] **Rwemeje** ko ikirego cyatanzwe TUYISENGE Fabrice, RUMONGI Cedric, MBANGUZA Gustave, MBANGUZA Fremond na KANZAYIRE Emilienne gifite ishingiro;

Repubulika y'u Rwanda, mu izina ry'abaturage b'u Rwanda, iramenyesha kandi itegetse abahesha b'Inkiko kur
Ubushinjacyaha, abakozi bashinzwe iyubahirizwa ry'amategeko, abayobozi b'inzego z'imitegekere y'Igihugu
abandi bayobozi mu nzego za leta n'iz'abikorera n'abandi bireba bategetswe gufasha, korohereza no
gutera inkunga abahesha b'Inkiko

[30] **Rwemeje** ko urubanza RC 1312/14/TB/KCYI – RC 1313/14/TB/KCY rwaciwe kuwa 14/11/2014 n'Urukiko rw'Ibanze rwa Kacyiru ruteshejwe agaciro;

[31] **Rutegetse** ko ikibanza numero 1771 giherereye Gasabo /kinyinya, ikibanza gifite Ref 1771 giherereye GAS/KIN, ikibanza gifite 2165 giherereye GAS/KIN, ikibanza gifite 2165 giherereye Gasabo/kin, ikibanza gifite 1737 giherereye GAS/KIN, ikibanza gifite Ref 1737 giherereye Gasabo/Kinyinya, ikibanza gifite 2881 giherereye Gasabo/Kinyinya, ikibanza gifite 2881 giherereye GAS/KIN, ikibanza gifite 470 giherereye Gasabo/Kacyiru, ikibanza gifite 470 GAS/KAC ,Ikibabanza gifite 1310/GAS/REM, ikibanza gifite 1310/Gasabo/Remera, ikibanza gifite 928 Rwamagana /Musha, ikibanza gifite 0928 RWAM/MUSH, ikibanza gifite 229 giherereye Gasabo/Remera, ikibanza gifite 00229 giherereye Gasabo/Remera, ikibanza gifite 42 giherereye Nyarugenge/Muhima, ikibanza gifite 0042 Nyarugenge/Muhima, ikibanza gifite 981 Bugesera/Nyamata, ikibanza gifite 0981 BUG/NYA, ikibanza gifite 4961 Nyanza/Mukingo, ikibanza gifite 4961 Nyanza/MUK, ikibanza gifite 2432 Nyanza/Rwabicuma, ikibanza gifite 2432 NYA/RWA, Inzu ifite 1053 Nyarugenge ifite title de propriette V R XIX Folio 145 byari byarategetswe ko igomba kuva ku mazina ya RUMONGI Rongin na KANZAYIRE Emmeliene ikandikwa ku mazina ya TUYISENGE Fabirice na RUMONGI Cedric, MBANGUZA Fremond, RUMONGI Gustave bahagararaiwe na se (RUMONGI Rongin), isubira mu maboko ya RUMONGI Rongin na KANZAYIRE Emilienne ikongera ikabandikwaho;

[32] **Rutegetse** ko amagarama y'urubanza ahwanye n'ibyakozwe mu rubanza.

**NI UKO RUKIJIJWE KANDI RUSOMEWE MU RUHAME NONE KUWA 16/04/2025.**

| **UMUCAMANZA** | **UMWANDITSI** |
|---|---|
| **(Sé)** | **(Sé)** |
| **MUTABARUKA Alexandre** | **IGIHOZO Jeannette** |

Copie certifiée conforme à l'original délivrée le 24/04/2025 par greffier UMUTONI Vivine billing number 880423800863 paid